

IRIBURIRO

KWIYIBUTSA MU NCAMAKE

Yakobo imbata y'Imana n'Umwami Yesu Kristo ndabandikiye, mwebwe abo mu miryango cumi n'ibiri y'abatatanye ndabatashya. Bene Data, mwemere ko ari iby'ibyishimo rwose nimugubwa gitumo n'ibibagerageza bitari bimwe, mumenye yuko kugeragezwa ko kwizera kwanyu gutera kwihangana. Ariko mureke kwihangana gusohoze umurimo wako, mubone gutungana rwose mushyitse mutabuzeho na gato. (Yakobo 1:1-4)

Ihame = “ntugomba kubaza uti “kuki”, baza ni “iki”

Ibibazo bitatu abanesha babaza:

1. Niki nshobora kwitaho igihe isi yampindutse?
2. Niki nakora ngo mbashe kurenga uyu munsu?
3. Ni Cyizere ki mfite cy'ejo hazaza?

Igisubizo = ubuhangange bw'Imana+imbabazi zayo= azafata ibibi mpura nabyo abikoreshe kunkuriramo byiza ni mwizera simve mu rugendo rw'umwuka rwo kunkuza.

1. Ikibazo- rimwe na rimwe duhera mu mibabaro.
2. Igisubizo- Imana isezeranya gufasha “abatazi icyo gukora.”

Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana iha abantu bose itimana, itishāma kandi azabuhabwa. Ariko rero asabe yizeye ari nta cyo ashidikanya, kuko ushidikanya ameze nk'umuraba wo mu nyanja, uyanwa n'umuyaga ushushubikanywa. Umeze atyo ye kwibwira ko azagira icyo ahabwa n'Umwami Imana, kuko umuntu w'imitima ibiri anāmūka mu nzira ze zose. (Yakobo 1:5-8)

- Impano y'Imana = **ubwenge** ndengakamere
- Inshingano yacu = **gusaba**
- Uko Imana itwakira icyo tuje= **gutanga ibyo tuyisabye**

3. icyo dusabwa – twakira ubwenge bw'Imana iyo “dusabye twizeye kandi tudashidikanya”

- Gusaba twizeye” bivuga.....
- “Ntacyo ashidikanya” bivuga...

UMUSOZO: IBINTU BINE UGOMBA GUKORA MU KWIKURA MU “KAZITIRO”

1. Emera ko wabuze icyerekezo.
2. Menya ko utabyishoboza ubwawe.
3. Saba Imana ubwenge buhebuje.
4. Itegere gukora icyo ubwenge bwayo busaba.

IBIBAZO BYO KUGANIRAHU

1. ukurikije ibyanditswe “ubwenge” ni iki?. Ni gute ibi bitandukanye n’uburyo dusanzwe tubitekereza n’uburyo bikoreshwa?
2. Ni iyihe myumvire ihuza iki gice n’imbabazi z’imana no gusobanukirwa kubura icyerekezo byacu mu bihe bikomeye?
3. Muganire ibisabwa kugirango umuntu abone iyi mpano ndengakamere y’ubwenge mu gukura mu mibabaro igihe duhura n’ibibazo. (twifashishije-Yohana 7:17, Abaroma 12:1)
4. Ni izihe ntambwe ukeneye kugirango ubone ubwenge Imana isezeranya kuguha mu bihe urimo gucamo?